Kigali, le 16/03/1984

Monsieur le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Coopératif
K I G A L I

Objet : P.V. de la réunion
du 12/03/1984.

Monsieur le Ministre,

En annexe à la présente, j'ai l'honneur de vous faire parvenir le Procès-Verbal de la réunion des Agents de la Division Encadrement que j'ai dirigée le 12 mars 1984.

En effet, c'est au cours d'une de vos réunions que vous avez insisté sur le dialogue et la concertation entre les Chefs des Services et leur personnel.

Après avoir constaté chez certains agents de mon Service un relâchement dans la ponctualité, le respect de la hiérarchie, l'exécution des attributions et les réclamations relatives aux appréciations signalétiques, j'ai demandé à mes Chefs hiérarchiques l'autorisation de réunir mes agents en vue de redresser la situation. Ce n'est qu'après leur approbation que cette rencontre a eu lieu.

Nos débats ont été très démocratiques de sorte que chacun de nous s'est exprimé librement et suffisamment.

.../...

Les conclusions de cette réunion sont connues de tous de façon que celui qui ne s'y conformera pas le ferait sciemment.

Veuillez agréer, Monsieur le Ministre, l'assurance de ma franche collaboration.

Le Chef de Division Encadrement,

KAREKEZI Epimaque.-

C.P.I.à :

- Monsieur le Secrétaire Général au Ministère de la Jeunesse et du Mouvement Coopératif
  KIGALI
- Monsieur le Directeur Général de la Jeunesse
  KIGALI
- Monsieur le Directeur de l'Encadrement et Formation
  KIGALI

Inyandiko-mvugo y'inama y'Abakozi ba Division Encadrement yabaye ku italiki ya 12 werurwe 1984.

*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*

1. Abali mu nama

- KAREKEZI Epimaque : Umuyobozi w'inama
- MUKANDOLI Jacqueline
- GAHONGAYIRE Sidonie
- MUJAWAMALIYA Domina
- MUJAWUMUKIZA Concordine
- MUJAWAMALIYA Eugénie
- NYIRANSABIMANA Emerita
- NYIRAGARUKA Berthilde
- MUKANDEKEZI Zuwena
- MUKABURASA Spéciose
- RUKUNDO Damien Emmanuel
- MUTIGANDA Georges
- MBONEZA Gaspard

2. Abatabonetse aliko bafite impamvu

- MUKAGIHANA Anne-Marie (yali arwaye)
- UWIZEYIMANA Winifrida ( yali muli konji)
- GATABAZI Aloys ( " )
- NTAWUYITEGEKA Eleuthère ( " )
- DUSINGIZEMARIYA Pauline (yali afite akazi kenshi)

3. Imigendekere y'inama

A. Intangiliro

Mu ntangiliro umuyobozi w'inama yabwiye abakozi be ko yishimiye ko mu mwaka ushize akazi kagenze neza, mu bwumvikane. Yifuza ko twakomeza neza, ndetse yerekana ko iyi nama ibereyeho kwibukiranya ibintu by'ingenzi tuzihatira kugeraho kugirango service yacu igende neza. Yakomeje atanga ingingo zasuzumwe alizo :

1. Uko umukozi agenera igihe ku mulimo (Ponctualité)
2. Ibyo umukozi ashinzwe gukora (Attributions)
3. Uko umukozi yita ku byo ashinzwe (Sens de Responsabilité)
4. Uko umukozi yibwiliza ku mulimo (Initiative)
5. Uko umukozi akunda igihugu (Civisme)
6. Uko umukozi ashimirwa umulimo we (Cotes)
7. Ibindi (Divers).

.../...

B. Ibyemezo kuli buli ngingo yasuzumwe

1. Uko umukozi agenera igihe ku mulimo

Kuli iyi ngingo umuyobozi w'inama yibukije itegeko ligenera umukozi amasaha yo kuza ku kazi no gutaha. Kugirango birusheho kwitabwaho tugomba kusuza ifishi ibigenewe kandi abakozi ntibarebe nabi umutegetsi wifashishije iyo fishi kuko abifitiye uburenganzira ahabwa n'itegeko, cyane cyane mu gihe cyo gutanga ishimwe ry'abakozi (cote). Buli mukoresha asabwa gutanga ibyifuzo byerekeye ayo mashimwe, bikemerwa cyangwa se bigahindurwa mu nzego zo hejuru iyo bibaye ngombwa kuko nabo bemera ibili byo bagahindura ibikosamye; byose bihereye uko bazi umukozi mu kazi ke. Twasanze kandi bidahagije gusinya ugeze ku kazi ngo nyuma usimire. Tugomba kumva ko tuza ku kazi tuje gukora, ushaka gusohoka akabisabira uruhusa kandi bikandikwa ku ifishi ibigenewe. Usohoka azabanza arebe ko hagati aho nt'akazi kahapfira kandi ntabigire akamenyero.

Igihe umukozi agenera umulimo kigaragarira mu kwihutisha akazi yahawe (dossier), agakorera igihe kandi akabitanga bidatinze. Birababaza kubona haba abakozi baryamana akazi bahawe, limwe na limwe bakitwaza ko batumvaga icyo babasaba gukora kandi batarigeze basaba ibisobanuro ngo babibure.

Umuyobozi w'inama yibukije akamaro k'ibanga mu kazi akaliko kose kuko bigaragaza umukozi w'inyangamugayo.

Ku ngingo yerekeye ibanga twasanze akenshi bituruka mu icapiro kuko nta buryo bafite bwabafasha kugira iryo banga. Ntibafite utubati dukinze babikamo, hakorera abantu benshi kandi hali n'abandi binjiramo bafite iyo ntego. Twasanze haba inama rusange y'abakozi bose bakabumvisha ko kwiroha mu icapiro bitemewe. Bizashoboka neza igihe abategetsi basubahiliza icyifuzo cy'uko haba umuntu umwe cyangwa babili bashinzwe gutanga ibintu byo gucapa, byarangira akaba alibo babigarulira. Abacapa nabo bagahabwa ibikoresho ngombwa byabafasha kubika dossiers neza (Fardes - bureaux etc ...).

2. Ibyo umukozi ashingwe gukora

Twabanje kwibukiranya imilimo bashinze Division Encadrement, aliyo :

- Ubufatanye n'abategetsi mu nzego zose (Prefegitura na Komini)
- Ubufatanye n'Imiryango y'Urubyiruko
- Gukangura Urubyiruko ngo ruhagurukire amajyambere
- Gufasha Urubyiruko gushinga amashyirahamwe
- Gutunganya imilimo yose iturutse mu nzego zo hejuru (Exécution des programmes)
- Gufasha Urubyiruko kugulisha umusaruro warwo.

Kuli iyi ngingo umuyobozi yibukije buli wese ko afite ibyo ashinzwe kandi ko ntawe ugomba kwihunza akazi ashinzwe yitwaza impamvu iyaliyo yose. Tugomba kandi gutanga ibyifuzo byatuma imilimo igenda neza.

Urugero : - gusaba gusohoka umuntu agiye kureba umusaruro ishyirahamwe ry'Urubyiruko
rizabona kugirango barishakire isoko.

- kujya kureba aho imiryango y'Urubyiruko ikorera, n'ibindi byerekeranye n'akazi.

Dufatanyije tugomba kujya twandika mu binyamakuru inyigisho zo gufasha Urubyiruko n'ababyeyi mu byerekeye uburezi, gushaka inyigisho zo gufasha Urubyiruko rurangije mu bigo birera Urubyiruko.

Ku nama zikorwa twifuza ko bishobotse buli service yagumana imilimo yayo (attributions) aliko igihe bitarashoboka buli wese agomba gukora ibyo bamusabye kuko ibyo twifuza bitemerwa igihe cyose. Ibyo twali tubikulije ku migendekere ya za Chantiers, zisanzwe zichinzwe Encadrement aliko ahanini ntimenye imikorere yazo kuko biba byashinzwe abakozi bo muli Services zindi.

Twaboneyeho umwanya wo kumenya imilimo yihutirwa yemejwe na Ministri muli programu rusange yafashwe muli iyi minsi :

- Kubona/Kenshi n'abategetsi b'amakomini aturukamo abana biga i GACULIRO kugirango twigire hamwe uko abo bana bashinga amashyirahamwe iwabo (byagombaga gutangira ku italiki ya 12 werurwe, aliko ntibiratangirwa uburenganzira).
- Kureba ibyakorwa muli Prefegitura ya CYANGUGU kuko kugeza ubu igifite umubano muke na Ministeri yacu. Tukahanasura Ikigo cy'Urubyiruko cyali gifitwe n'Abasilikare.
- Gutangiza ubworozi bw'insuki muli KIBUYE twifashishije imfashanyo yatanzwe n'Ububiligi. Muli iyo Prefegitura hazashyirwa intebe ya Chantier de l'Ouest.
  Tukanasura Ikigo cy'Urubyiruko cyali gifitwe n'Abasilikare.
- Muli KIBUNGO hagasurwa ibigo bili i KIRWA n'i GATI.
- Muli BYUMBA, ikigo cy'i MURAMBI (Chantier de l'Est) kizatangira gukorana n'amakomini abili gusa (MURAMBI na MUHAZI), abandi bakazajya biyongera nyuma.
  Tuzasura n'Ikigo cy'Urubyiruko cy'i MULINDI cyali gifitwe n'Abasilikare.
- Ku GIKONGORO tuzongera dusure amashyirahamwe y'Urubyiruko ali muli Chantier du Sud. Ikigo cy'i NGARURA kili hafi y'icy'i NDAGO kizavugururwa kugirango aho cyali kili hazajyemo ishyirahamwe ry'Urubyiruko.
- I BUTARE hazasurwa Komini NGOMA - MBAZI na SHYANDA kugirango twigire hamwe n'Abategetsi baho uko Urubyiruko rwashinga amashyirahamwe mu gishanga cya RWASAVE no gutunganya Ikigo cy'Urubyiruko cya RWABUYE cyali gifitwe n'Abasilikare.
- Mu RUHENGERI na GISENYI tuzongera gusura Chantier du Nord aliko tukibanda k'Urubyiruko rwa Komini MUTURA kuko alirwo rwashoboye kwerekana ibikorwa bishimishije. Byo kwita k'Urubyiruko rwa MUTURA byatuma urw'ahandi rugira ishyali rukarushaho gukora neza.
- I GITARAMA hazasurwa amashyirahamwe yo muli MUKINGI na NYAMABUYE azashyirwa muli Chantier du Centre izagira intebe yayo i SHYOGWE. Amashyirahamwe yandi ashobora kuzasurwa kuko GITARAMA izagira Chantier yayo yihaliye.

- Hasakoreshwa :
  - Inama y'Abayobozi ba Service Civique de la Jeunesse (yabaye taliki ya 6 werurwe 1984)
  - Inama y'Abayobozi b'imiryango y'Urubyiruko
  - Ihugurwa ry'Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura na Suprefegitura n'Abayobozi ba za Koperative.
  - Ihugurwa ry'Abayobozi b'Ibigo birera Urubyiruko (C.F.J.)
  - Inama y'Abayobozi b'Urubyiruko mu bihugu bituriye ibiyaga binini.

Mbere yo gusoza iyi ngingo, umuyobozi w'inama yibukije ko mu milimo dukora tutagomba gutegereza ibitwizaniye, ahubwo buli wese akwiye kureba ibyo ashinzwe, agafata programu ihamye, akayitunganya. Byaba ngombwa agasaba gusanga abo ashinzwe. Izo programu zose zigomba kuba zanditswe kugirango tutazajya dupfa guhubuka, abadutegeka bakazimenya, bakazanga aliko zihali. Tugomba kungurana ibitekerezo mu mpande zose, ali mu biro, ali no mu gice cy'abo dushinzwe. Ibyo tutumva neza tugasobanuza.

3. <u>Uko umukozi yita ku byo ashinzwe</u>
4. <u>Uko umukozi yibwiliza ku mulimo</u>

Kuli izi ngingo zombi umuyobozi w'inama yifashishije Itegeko-teka ryo kuwa 19 werurwe 1974 lishyiraho amategeko rusange agenga abakozi ba Leta cyane cyane ingingo ya 24, 25 na 28. Yumvishije abali mu nama ko imigendekere myiza ya buli service ibazwa umuyobozi wayo (Chef de service) kugirango bigerweho bireba abakozi bose bagakora baharanira ko service yabo igenda neza.

Icyatumye yifashisha iryo Tegeko-teka, nuko yasanze bamwe mu bakozi batumva neza ko ikinyabupfura mu kazi nacyo iyo kibuze akazi gashobora kwangilika.

Ingingo ya 24 y'iryo Tegeko-teka ibisobanura gutya : "Abakozi ba Leta bategetswe kugilira ikinyabupfura abakuru babo, abo bareshya, abo basumbye na rubanda rwose. Bategetswe gukorana ubwabo umutima-nama ibyo bategekwa n'umulimo wabo, amategeko n'amabwiliza aliho. Bategetswe gukora vuba kandi neza ibyo abategetsi bategetse gukora, no gufatanya mu gihe ali ngombwa kugirango umulimo utungane".

Hali n'abo yasanze bashaka kwirengagiza zimwe mu nzego z'Ubuyobozi bwa Ministeri (la hiérarchie adminstrative). Nyamara Ingingo ya 25 y'iryo Tegeko-teka ivuga ibi bikulikira : "Abakozi bahawe kuyobora imilimo nibo babazwa imigendekere yayo. Kubera iyo mpamvu, bagomba guhana cyangwa guhanisha abanyamafuti, abanyamwete muke cyangwa abaca ku mategeko n'amabwiliza. Byongeye kandi, bagomba kwilinda kugira aho babogamira bitsitsa ku muntu uyu n'uyu, ku nyungu cyangwa ku nkomoko, ubwoko, politiki cyangwa idini. Abategetsi nibo babazwa ibyerekeye amategeko batanga".

Hali n'abandi yasanze birengagiza amategeko aliho kandi azwi. Yababwiye ko hali icyo Ingingo ya 28 y'Itegeko-teka twavuze haruguru yateganije : "Igihe cyose umukozi adakoze ibyo ategetswe biba ikosa ligomba guhanishwa kimwe mu bihano biteganijwe n'amategeko agenga buli butegetsi, ibyo bikorwa bakulikije uko iryo kosa likomeye".

Kubyerekeye kwibwiliza ku mulimo bihuje n'ibyo twabonye ku ngingo ya mbere aliko umuyobozi yibukije abakozi ko bagomba gukurikirana ibireba Ministeri yacu udafite akazi akaba yasoma ibinyamakuru bisaba Ministeri yacu gutunganya ibyo ishinswe cyangwa ibirata ibikorwa bya Ministeri yacu.
(ex. : Plan Quinquennal, Discours du Président, Amagazeti ya Leta, n'ibindi byatugilira akamaro).
Yibukije abacapa ko bakwiye kujya banyuza amaso mubyo bamaze kwandika, bakabanza bakabikosora mbere yuko babyohereza mu nzego zo hejuru.
Nubwo bivugiye ko haba igihe baba bafite akazi kenshi bakabyandika bihuta, babumvishije ko bagomba kwihangana bakabigeraho.
- Ku kibazo cyerekeye imigendekere myiza y'akazi no kwihutisha amadosiye, benshi bifuza ko igihe umukozi yakoze uko ashoboye n'uko yumva idosiye iyi n'iyi, umukoresha we yarakwiye kujya ayikosora kugirango ibintu birushaho kwihuta.

5. Uko umukozi akunda Igihugu

Twasanze ntawe udakunda Igihugu cye aliko byarushaho kuba byiza bigaragariye mu itunganywa ry'akazi dushinswe. Tukubahiriza amabwiliza duhabwa mu byerekeye amadosiye, ibanga ry'akazi, umuganda n'animasiyo. Tukarangwa n'icyinyabupfura muli byose no kuli bose cyane cyane abadukuriye. Mu kazi ntiduhitamo incuti, tugomba kumenya ko akazi ali akazi, itegeko tukaryubahiliza, ibitagenda neza bigashyikilizwa inzego zibikwiye. Bityo tukigiza hirya amatiku n'inzangano, ubundi akazi kakagenda neza.

6. Amashimwe y'abakozi

Twarebeye hamwe zimwe mu ngingo zili k'urupapuro rwemeza uko umukozi yakoze mu mwaka (Bulletin de signalement). Inzo ngingo zerekana uko buli muntu yatunganyije umulimo we. Izo twigiye hamwe ni izi :
Birahebuje (Remarquable) - Ni byiza cyane (Très grand) - Ni byiza (Moyen) - Ni ukugeragesa (Assez-bon) - Ntibihagije (Insuffisant). Ni Ingenzi.
Ibyo byose iyo bimaze gusuzumwa, umuntu ahabwa limwe mu mashimwe akulikira : INGENZI - NYAMWETE - NYAMWETE GATO - NTAMWETE cyangwa IKIGWALI.
Limwe muli ayo mashimwe buli mukozi aliheshwa n'imilimo yakoze n'imyifatire ye yose ku kazi n'imibanire ye nabo bakorana.
Ni nacyo cyatumye umuyobozi w'inama yungura abakozi be igitekerezo cyo kugira ikaye buli wese yandikamo ibikorwa bye bya buli gihe kugirango azashobore kubona ikimurengera biramutse bibaye ngombwa kuko hali bamwe biha kuburana amafuti kandi bazi neza ibyo bakoze mu mwaka wose, bakabyirengagiza. Yibukije kandi akamaro k'amategeko; adusaba kujya tuyasoma no kuyakurikiza kuko "Ijuru libona abarikoreye". Na cotes nazo muko, duhabwa izo twakoreye. Mbere yo kuvuga ko abandi bagufiteho ibitekerezo bibi, banza wisuzume maze nawe wihe umwanya; urebe niba uwo wifuza aliwo ukwiye koko.

Mbere yo gusoza iyi ngingo twibukiranyije ko inama ali uburyo bwiza budufasha kungurana ibitekerezo kugirango imilimo yacu itungane n'abadutegeka bakarushaho kwishima; kandi buli wese afite uburenganzira bwo kugira icyo ageza kuli bagenzi be.

7. <u>Ibindi (Divers)</u>

- Batwibukije ko ibiro ali aho abakozi batunganyiriza akazi bashinzwe, ntibigomba kuba isoko kandi ubonye umushyitsi ajye amwihererana ku ruhande atarangaje bagenzi be bitali ngombwa.
- Twumvise ko amabaruwa asaba konji agomba kwandikwa hasigaye ukwezi ngo umuntu ajye muli iyo konji kandi ntawe ugomba kugenda atabonye ibaruwa iyimwemerera.
  Konji ifatiweho kubera impamvu yihutirwa kandi idahinduka (naissance-mariage-décès...) uyishaka abaye atarabibonera uruhushya kandi yaranditse, abyumvikanaho mu magambo n'umutegetsi we.
- Ku ngingo yerekeye umunsi wo guhembwa, twumvikanye ko n'ubwo abantu bose baba bakeneye amafaranga tugomba kumvikana ku buryo hagenda bamwe abandi bagasigara mu biro, abasigaye bakagenda abandi bagarutse. No guhaha umunsi wo guhembwa nabyo ni uko bigomba kugenda kandi mu biro ntihuzure ibintu nko mu isoko.

8. <u>Bimwe mu bibazo byabajijwe muli iyo nama n'ibisubizo byabyo</u>

Q. Itegeko lisaba ko umukozi agera ku kazi saa moya kugera saa sita na saa munani kugera saa cumi n'imwe, kubera ko hali abihutira gutega imodoka turasaba ko mwatwemerera iminota icumi mbere y'uko isaha yo gutaha igera n'iminota nk'itanu inyuma kuko haba ubwo bisi zitinda kubera abantu benshi baba bazitega.

Qu'existe la réglementation des heures de service

R. Ubundi tugomba gukulikiza amategeko aliho. Iki cyifuzo cyigomba kuba cyireba abakozi bose niyo mpamvu gikwiye gukemurwa n'abayobozi bo mu nzego zo hejuru. Hagati aho aliko twasanze abantu bakumvikana, abadatega izo modoka bakihanganira kuguma mu biro igihe bagenzi babo basohotse.

Q. Tulifuza ko fishi dusinyaho tuje ku kazi yaba hafi yacu kuko tutabona impamvu tuzamuka kandi abenshi bakorera hasi.

R. Tugomba kubikulikiza uko bimeze kuko aliko byateganyijwe kandi ifishi igomba kwegera abategetsi kugirango abakozi batajya biyandikiraho igihe bishakiye. Amabwiliza dufite avuga ko umukozi agomba gusinya umutegeka ahali, amureba.

Q. Hali uwabajije impamvu batugaya ngo ntidukora kandi Umukuru w'Igihugu muli Disikuru yavuze mu ntangiliro z'umwaka yarashimye Ministeri yacu biturutse ku bakozi bayo batunganyije neza imilimo babashinze.

R. Ntawe ugomba kwishima ngo yarakoze maze ngo yirare ngo yararangije. Dukwiye gukomeza guharanira iryo shimo dukora kurushaho.

.../...

Q. Mu itunganywa ry'imilimo buli wese ashinzwe musaba ko hajya hatangwa ibyifuzo byadufasha kuzusa neza iyo milimo. Ko haba igihe umuntu ateganya misiyo abona ali ngombwa, abatware bati "si ibyo byihutirwa", musanga ibyo bidashobora kubangamira kwa kwibwiliza mushaka ku bakozi ?

R. Akenshi bituruka ku mikoro make ya Minisiteri noneho bagahitamo nko kwandikira umuyobozi ushobora kutugezaho uko ibyo bintu biteye (ex. : situation d'un Chantier ou d'un G.S.E. par l'Encadreur Régional).

Q. Ko Chantiers des Jeunes zili mu milimo (attributions) za service yacu aliko mu bikorwa bakabishinga abakozi bo mu bindi biro ?

R. Dutahilisa umugozi umwe kandi icy'ingenzi ni uko ibyo bintu byagenda neza bikagera ku ntego byashyiliweho. Twe rero twiyemeje gukora neza akazi duhawe, n'abandi bikaba bityo, tukagera kuli rya shimo twavuze, byaba ali ubuhoro.

Q. Abakozi ba Minisiteri bakorana bate n'abankadereri b'urubyiruko kandi buli wese aba afite imilimo yahawe kandi afitiye bushobozi (hano muli kapitali) ?

R. Buli wese agomba kumenya ibyo ashinzwe, akabifatira programu, abishoboye agasanga Abayobozi b'Urubyiruko aho bakorera bakungurana inama. Nabo aho bali iyo babonye tubasura buli gihe bibatera umutima mwiza, bagakorana umurava. Badusabye incuro nyinshi cyane kujya dusanga Urubyiruko rwacu aho rwibera, tukaganira narwo, tukumva ibitekerezo byarwo. Kandi ijya kulisha ihera k'urugo. Sinumva igituma dushaka kwihunza ibyo badutegeka gukora. Twali dukwiye kujya dusura, kandi kenshi, Urubyiruko rwa hano muli Nyarugenge kuko ruli hafi yacu.

Mu mwanzuro w'inama umuyobozi wayo yasabye abakozi be gukomeza gukorana umurava n'umwete, bityo Encadrement ikuzusa ibyo bayifuzaho.

Inama yamaze amasaha atatu.

Kigali, taliki 14 werurwe 1984

<u>Umuyobozi w'inama</u>
KAREKEZI Epimaque
Chef de Division Encadrement

<u>Umwanditsi</u>
MUKABURASA Spéciose